# Zirikana igikorwa urimo wirinde ibyago biterwa no gutwara urangaye




Zimya ibikoresho bya elegitoroniki kandi ubishyire kure yawe mbere y'uko utangira gutwara imodoka.

Ntugashyire telefoni yawe mu ngofero cyangwa mu gitambaro cyo mu mutwe kugira ngo uze kugenda uyivugiraho mu gihe utwaye.

Bera intangarugero abandi bashoferi. Niba uri umugenzi utwawe, fasha shoferi umuhamagarire cyangwa umwandikire ubutumwa, ku buryo ibitekerezo bye biguma ku gutwara neza gusa. Ganira n'abana ku bijyanye no gutwara imodoka mu buryo bukwiriye.

Buri gihe ujye wambara imikandara kandi ushyire abana mu myanya yabugenewe ifite umutekano kugira ngo mwirinde abashoferi batwara uko biboneye.

**Iyo wandika ubutumwa uri kuri vola, uba ufite ibyago byikubye incuro 20 byo gukora impanuka kurusha umushoferi utwaye atarangaye.**

- Mu mwaka wa 2016, abantu 3450 bishwe n'impanuka zo mu muhanda zitewe n'uburangare bw'abashoferi.
- Muri 2016, abanyamaguru 562, abanyamagare ndetse n'abandi bishwe n'impanuka zo mu muhanda zitewe n'uburangare.
- 70% by'abashoferi bakoze impanuka zitewe n'uburangare bari abagabo, ugereranyije na 74% by'abashoferi bose bakoze impanuka zikaze.
- Abenshi mu bashoferi bakoresha telefoni ngendanwa batwaye ni abafite hagati y'imyaka 15-29.
- Buri mwaka kuva muri 2012, abashoferi b'igitsina gore bakoresha telefoni batwaye bakunze gukora impanuka zikomeye zitewe n'ubwo burangare ubagereranyije n'abashoferi b'igitsina gabo.
- 9% by'abashoferi bari mu kigero cy'imyaka 15-19 bakoze impanuka zikomeye mu muhanda byaje kugaragaye ko zari zatewe no gutwara barangaye.
  (Aho byakuwe: Byavanwe kuri 9/6/18 https://www.nhtsa.gov/press-releases/us-dot-and-nhtsa-kick-5th-annual-u-drive-u-text-u-pay-campaign)

## Ibihano bigenwa n'amategeko bihera ku mande n'andi mafaranga y'inyongera kugera ku ngaruka zikomeye zijyanye n'ubwimukira.

Ni ukwica amategeko gukoresha telefoni yo mu ntoki cyangwa ikindi gikoresho cya elegitoroniki kigendanwa utwaye ikinyabiziga. Ibikorwa bitemewe bikubiyemo gufata mu ntoki igikoresho cya elegitoroniki no kuvugira kuri telefoni ngendanwa, kwandika, kohereza, gusoma, kureba muri telephone; gukoresha interineti, kohererezanya, kubika no gukura amakuru yo mu rwego rwa elegitonike nka imeyili, ubutumwa bugufi, imbuga za interineti; gufata, kureba, cyangwa kohereza amafoto cyangwa gukina imikino.

Hari amarengayobora ku mategeko, bivuze ko, byemewe n'amategeko: Guhamagara 911 cyangwa kuvugisha umuganga, umupolisi ushinzwe kuzimya inkongi cyangwa undi mupolisi ku mpamvu z'ubutabazi. Umushoferi ashobora gukoresha telefoni ikoreshwa idafashwe mu ntoki, ifasha uyikoresha kuvuga bitabaye ngombwa ko ayikoraho. Gukoresha igikoresho cya elegitoroniki gifite akuma gifashemo imbere kuri tableau (soma tabulo) y'imodoka. Gukoresha igikoresho cya GPS gifunze imbere ku modoka.

Ushobora kwandikirwa, kandi ugacibwa amande n'andi mafaranga bitewe no gukoresha igikoresho ngendanwa cya elegitoroniki mu gihe utwaye. Guhamwa n'icyaha cyo gukoresha telefoni, igikoresho ngendanwa cya elegitoroniki cyangwa kwandika ubutumwa bugufi bizakongerera amanota mabi muri dosiye yo gutwara iri muri DMV (ishami rishinzwe kwita ku binyabiziga). Nugira amanota mabi 11 mu gihe cy'amezi 18, uruhushya rwawe rwo gutwara rushobora kuzahagarikwa by'agateganyo. Ushaka andi makuru, wareba About the NYS Driver Point System, *http://dmv.ny.gov/tickets/about-nys-driver-point-system.*

**TS.DD. Kinyarwanda. Distracted Driving (Rev. 2019)**

MOHAWK VALLEY RESOURCE CENTER FOR REFUGEES

tone translation of nearly everything

NEW YORK STATE OF OPPORTUNITY. Governor's Traffic Safety Committee